*Ukuboza 2025* *ikinyarwanda*

# Tanga urumuri!

---

**Sangiza abandi iby'ukwizera kuguhora ku mutima!** (reba. 1 Petr 3,15)

**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: m.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Mu mpera z'uyu mwaka mutagatifu, aho Papa Fransiskus yaduhamagariye guhaguruka tugafata urugendo nk' abahamya b'ukwizera, ngiye kubasangiza ubwanjye muri uku kwezi k'ukuboza, ibihe bikomeye by'ukwizera nanyuzemo mu buzima bwanjye:

„'Nshobora kubahamagara?' ubu ni ubutumwa bugufi nasomye kuri Telefoni yanjye. ‚Nta kibazo rwose!' Ni ko nahise musubiza. ‚Nifuzaga rwose ko tuvugana, kuko ubwo ejo nakiraga agapaki karimo inyenyeri zitangaje, byankoze ku mutima cyane! Byandemyemo icyizere gikomeye muri ibi bihe biremereye ndimo kunyuramo. Murabizi ko nturuka mu gace ka Gaza, nkaba maze imyaka itari mike mba hano mu Budage, ariko umuryango wanjye wose ukaba ukiri muri Gaza, hagati aha bakaba baba mu ihema bagerageje kwiyubakira…'

Nitonze cyane, namuteze amatwi, niyumvisha uburyo impano ntoya nageneye uyu muturanyi wanjye uturuka muri Palestina, yari isobanuye byinshi. Byose byatangiye ubwo inshuti y'uwo muturanyi wanjye imuzaniye urumuri rw'i Betelehemu … Mu mwijima uwo ari wose tunyuramo, Imana yandikamo amateka yayo bwite y'amahoro!"

Turifuza kugushimira, by'umwihariko mu mpera z'uyu mwaka udasanzwe, kuba waremeye gukorana natwe urugendo rutagatifu nk'abahamya b'ukwizera, muri uyu mwaka wa 2025. Warakoze kudusangiza ubuhamya bwawe. Ubuhamya bwawe bwabaye kandi buzahora ari nk'inyenyeri zimurika mu kirere cy'iki gihe turimo, kibuditse umwijima. Ku munsi mukuru wa Noheli mu bice bitandukanye by'isi, Nyagasani azavukire rwagati mu be. Ntidushikanya ko turi kumwe namwe ndetse n'abandi bose, twibumbiye hamwe mu isengesho no mu rukundo, muri uru rugendo turimo! Twibumbire hamwe muri uku kwezi k'ukuboza, turenge imipaka yose y'isi, tuzirikana kuri iyi ntego igira iti: *Tanga urumuri!*

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker

---

P.S.: Sangiza abandi ubuhamya bwawe unyuze kuri uru rubuga rwa App go4peace mu gice cyitwa **„**Discover & write**"**.